1080

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PREFECTURE YA BUTARE

# INYANDIKO-MVUGO

Y'INAMA YABEREYE MULI PREFECTURA YA BUTARE IYOBOWE

NA

NYAKUBAHWA JENERALI-MAJOR JUVENAL HABYALIMANA

PREZIDA WA REPUBULIKA alinawe PREZIDA WA KOMITE

IHARANIRA AMAHORO N'UBUMWE BW'IGIHUGU.

## KUWA 13 GICURASI 1975.

/A.NG./

REPUBLIQUE RWANDAISE

PREFECTURE DE BUTARE

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA CONFERENCE PREFECTORALE YABAYE KU ITALIKI YA 13 GIÇURASI 1975, IYOBOWE NA NYAKUBAHWA JENERALI-MAJOR HABYALIMANA YUVENALI, PREZIDA WA REPUBLIKA AKABA NA PREZIDA WA KOMITE IHARANIRA AMAHORO N'UBUMWE BW'IGIHUGU.

---

Inama yatangiye saa tatu n'iminota cumi n'itanu (9h 15') .

Iyo nama yali iteraniwemo na :

- Nyakubahwa Prezida wa Republika, ali nawe wayoboraga inama.
- Ba Nyakubahwa ba Bwana bagize Komite iharanira amahoro n'ubumwe bw'Igihugu,
- Ba Nyakubahwa ba Bwana Ministri,
- Nyakubahwa Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga,
- Nyakubahwa Bwana Prefe wa Prefegitura ya Butare,
- Ba S/Prefe ba Prefegitura ya Butare,
- Abayobozi b'imilimo muli Prefegitura ya Butare,
- Ababourgmestre ba za Komini za Butare,
- Abahagaraliye amadini muli Prefegitura ya Butare,
- Abayobozi b'amashuli mato, makuru n'ayisumbuye yo muli Butare,
- Abajyanama ba Komini bose bo muli Butare,
- Abagize inama z'impuguke muli za Komini bose ba Butare,
- Abagize inama ziharanira amajyambere muli Prefegitura no muli za Komini.

Inama yatangiye n'ijambo lya Nyakubahwa Bwana Prefe wa Prefegitura ya Butare. Agira ati :

" Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika,
Banyacyubahiro bagize Komite y'amahoro n'ubumwe bw'Igihugu,
Banyacyubahiro ba Bwana Ministri,
Nyakubahwa Musenyeli ushinzwe Diyosezi ya Butare,
Nyakubahwa Bwana Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga,
Nyakubahwa Bwana Recteur wa Université Nasiyonali y'u Rwanda,
Namwe mwese dufatanije kuyobora Prefegitura ya Butare,

Mbere na mbere mbanje gushimira Nyakubahwa Prezida wa Republika Jenerali-Major HABYALIMANA kubera programu nziza afite yo kubonana n'inzego zose zili muli Prefegitura zishinzwe gutsura amajyambere. Tubashimiye kandi ko mwazanye n'ababafasha bose mu buyobozi bw'Igihugu , alibo Komite iharanira amahoro n'ubumwe bw'abatura-Rwanda bose na ba Ministri.

..../...

Mu baje kudufasha kubakira, hali Nyakubahwa Prezida w'Urukiko rw'Ikirenga na ba V/Prezida b'urwo Rukiko,
Prezida w'Urukiko rw'Ubujulire rw'i Nyanza,
Recteur wa Université Nasiyonali y'u Rwanda, na ba Diregiteri ba za Institutions nasiyonali zili muli Prefegitura, Inama ziharanira amajyambere zo muli za Komini zose ziyobowe na ba Bourgmestre.
Mubihaye Imana, hali Nyakubahwa Musenyeli Yohani-Baptista GAHAMANYI, Umushumba wa Diyosezi ya Butare.

Abandi baje kubaramutsa bali hano ni za Commissions zihagaraliye abacuruzi, abâli n'abategarugoli, Commission y'Ubuganda, na Komite de sécurité yiga buli gihe ibibazo bifitanye isano n'amahoro n'umutungo w'abaturage.

Mu izina ly'abo bose, no mw'izina lyanjye, mbifulije kuza neza muli Prefegitura ya Butare, mbifulije inama nziza tugiye gutangira tuyobowe namwe."

x x
x

Hakulikiraho ijambo lya Nyakubahwa Prezida wa Republika akaba Prezida wa Komite iharanira amahoro n'ubumwe bw'Igihugu.
Nyakubahwa Prezida wa Republika : Yabanje kuramutsa abaje mu nama abashimira kuba baramufashije kwinjiza mu baturage programu y'ituze, y'ubumwe, y'amahoro cyane cyane ba Bourgmestre n'abajyanama bateye umutekano mu makomini.

Asobanura ko icyamuzanye ali ugukoresha inama no kubumvisha icyo yifuza. Yagize ati :

" Ntitwaje kumva diskuru ya Prezida cyangwa ya Prefe, twaje kungurana ibitekerezo, imigambi, ibibazo mufite. Niyo mpamvu nazanye na bagenzi banjye bagize Komite iharanira amahoro n'ubumwe na ba Ministri, kumva ibibazo byo mul'iyi Prefegitura. Icyo tudasubiza, tuzagishakira umuti. Tuli abatura-Rwanda twese."

Bwana Prefe yafashe ijambo agira ati :

" Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika,
Banyacyubahiro bagize Komite y'amahoro n'ubumwe bw'Igihugu,
Banyacyubahiro ba Bwana Ministri,
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Muli uyu mwanya tugiye gusuzumira hamwe ibibazo by'ingenzi bili muli Prefegitura ya Butare. Twagize amahirwe cyane, kubera ko Nyakubahwa Prezida wa Republika hamwe n'abafasha be ali abagize Komite y'amahoro n'ubumwe bw'Igihugu, ali ba Ministri, ali abakozi bakuru bo muli za Ministeri, biyiziye ubwabo.

Uyu mubonano uratuma ibibazo byose by'ingenzi bishakirwa umuti, ibindi byandikwe, iherezo kandi nabwo bizabonerwe ibisubizo nyabyo koko.

Prefegitura ya Butare iteye ite ? Ifite iki ? Igamije iki mu minsi il'imbere ?

Mu majyaruguru hali Prefegitura ya Gitarama, mu majyepfo no mu burasirazuba hali Uburundi, iburengerazuba hali Prefegitura ya Gikongoro. Altitude moyenne ni m 1.753. Ifite $Km^2$ 1.810. Ku italiki ya 31 Ukuboza 1973, Prefegitura ya Butare yali ituwe n'abaturage 595.324. Ku italiki ya 31 Ukuboza 1974 yali ituwe n'abaturage 605.734. Ni ukuvuga ko kuli $Km^2$ imwe dufite abaturage 334.

Dufite amakomini 20. Za Komini zifite abaturage benshi kuli $Km^2$ imwe,(ni ukuvuga hagati ya 450 na 550) ni Shyanda, Ruhashya, Nyaruhengeli, Ndora, Muganza na Mbazi. Mbese n'ayo makomini akikije umujyi wa Butare niyo atuwe cyane. Komini y'umujyi aliyo Ngoma ilimo amashuli makuru (Université, Institut Pédagogique National, Groupe Scolaire, Ecole Sociale Karubanda, Petit Séminaire Karubanda). Abanyeshuli bose bali mu bigo bili muli Komini Ngoma bageze kuli 1.815.

Abo bose bagomba kubona ibibatunga bihagije, mu mwanya turaza kurebera hamwe umuti w'icyo kibazo. Ninayo mpamvu ngira ngo mwumve ibibazo by'ingenzi byerekeye ubuhinzi n'ubworozi, ubuzima n'imizamukire y'abaturage, amashuli, urubyiruko n'amakoperative hamwe n'imikino, ubukungu n'ubucuruzi, ibibazo bireba abâli n'abategarugoli, ubucamanza n'amahoro. Ingingo ndibusozerezeho, ni ireba ikibazo cya elegitilisite, inkulikizi mbi ziza iyo umuliro wabuze.

UBUHINZI N'UBWOROZI :

Nkuko mwumwise uko abaturage batuye kuli $Km^2$ imwe ali benshi, ibyo byonyine birabereka ko amasambu yabaye make cyane, abaturage ntibabona aho bahinga. Bose baragerekeranye. Aliko za Komini zo mu Mayaga nka za Ntyazo, Muyaga, Muyira, Kibayi na Muganza nizo zigerageza gutunga andi makomini.

Twaratekereje, tuli kumwe na ba Bourgmestri na ba Chefs de service, dusanga hali ukuntu ubuhinzi bwazamurwa muli iyi Prefegitura tukaba twaramira abaturage benshi. Dufite ibishanga byinshi by'Akanyaru, Mwogo na Migina. Ibyo byose biracyalimo urufunzo. Bifite ubuso bwa Ha 680. Ba Bourgmestri barasaba ko abatekinisiye bakwerekera abaturage ubulyo bwo gukamura amazi ali muli ibyo bishanga.

Mu kwezi gushize twatanze itegeko lyo guteresha imyumbati, ndetse na Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi iza kubishyigikira. Ubu bitangiye kubahilizwa. Ikindi twasanze ali ngombwa twakwitaho, n' ubuhinzi n'ugutera quinqhina muli Komini Kibayi, gutera icyayi muli Komini Runyinya na Nyakizu, guhinga pilipili n'ubunyobwa muli za Komini zo mu Mayaga, aliko Leta ikadufasha muli ibi bikulikira : aho ibyo byose byagulishilizwa bimaze kwera, na encadrement ihagije.

../..

Naho kubyerekeye kurwanya isuli, dufite Kms 4.000 bashinzeho imambo, na Kms 514 zicukuye, kandi mwibuke ko abagomba kwerekera abaturage nka ba moniteurs agricoles ali bake.
Naho k'ubworozi twabanza kubaha imibare.

- Inka : 106.955
- Ihene : 52.149
- Ingurube: 22.467
- Inkoko : 18.626

Iyo mibare tuyisanga muli rapport y'umwaka wa 1974. Ikibazo aho kili, ni uko kubona aho ayo matungo alisha ali hato, kandi amenshi mul'ayo matungo barayica bakayalya, dufite ubwoba ko iherezo nta tungo lizaba likirangwa mul'iyi Prefegitura.

## UBUZIMA N'IMIZAMUKIRE Y'ABATURAGE :

Buli Komini igiye igira Centre de Santé - Dispenseri. Hamwe haratashywe, ahandi baracyatunganya imilimo yo kunononsora, cyangwa se bategereje abakozi Ministeri izohereza. Aliko kandi kubera ko abaturage ali benshi cyane, ni ukuvuga ko ababishinzwe bagomba kongera imiti. Hakunda kubaho ibyorezo nka typhus, malaria, n'ibindi birwara.

Ninayo mpamvu dusaba ko muli Komini Muyira ahantu hitwa i Busoro, hashyirwa ibitaro. Muli Komini Nyaruhengeli kuli Centre de Santé y'i Kibilizi hakubakwa amazu y'abaganga ba OMS; amazu ya Laboratoire Universitaire akongerwa.

Muli iyi Prefegitura, hali za fuwaye 45, buli Komini igiye igira fuwaye 2 ali nke, zaba nyinshi zikaba 4. Mul'izo 45, foyer 20 zonyine nizo zashoboye gukulikiza programu y'inyigisho yatanzwe na Ministeri ibishinzwe, bityo zigashobora kujijura abategarugoli, abâli benshi. Izindi nta bikoresho [illegible] bihagije zifite kubera ubukene bw'amakomini amwe n'amwe. Aliko mul'uyu mwaka , buli Komini yihatiye gushaka ibyo bikoresho kugira ngo amafuwaye arusheho gufasha abaturage kujijuka no kwilinda indwara.

Ninacyo gituma twasaba ko abakozi bazikoramo bakwongerwa kandi bakwongererwa n'ubuhanga kuko kul'iki gihe abenshi mu balimukazi bayo bafite formation ya école familiale gusa. Tugasaba rero ko abize muli école sociale baba benshi, bakazakwira mu mafuwaye ya Komini, ndetse hakabaho na ba assistants sociaux kugira ngo action sociale yahaliwe kugeza ubu igitsina kimwe noneho isakare mu bitsina byombi.

AMASHULI :

Mbere na mbere, nabanza kubabwira ko muli Prefegitura ya Butare tuhafite amashuli menshi cyane ! Muli Komini Nyabisindu hali Collège Christ-Roi, Collège des Humanités Modernes, Ecole Normale Inférieure, na Ecole Technique Féminine.

Muli Komini Shyanda, hali Ecole Normale Inférieure y'abakobwa, na Ecole Normale Inférieure y'abahungu, Centre de Formation pour les Travailleurs qualifiés.

Muli Komini Gishamvu, hali Seminali Nkuru ya Nyakibanda.

Muli Komini Nyaruhengeli, hali Tronc Commun y'abakobwa i Kansi, Seminali nto y'i Kansi.

Muli Komini Ngoma, turahasanga Université Nasiyonali na IPN, Groupe Scolaire, Ecole Sociale Karubanda, Institut Cathéchetique Africain, Seminali nto yo Kukarubanda, Centre de Formation Pédagogique, Centre de Formation Technique.

Ayo mashuli yose atuwe n'abaturage bashaka kumenya ubwenge ni 3538. Nshimishijwe no kubamenyesha ko abo bana bacu hamwe na ba professeurs babo bifashe neza, cyane cyane kuva muli 1974 kugeza ubungubu, amasomo yatanzwe neza, abayakulikira nabo babishyiraho umwete. Gusa ikibazo ni amacumbi y'abaprofeseri na za dortoirs zigenda ziba nke kubera ko umubare w'abanyeshuli wiyongera buli mwaka.

URUBYIRUKO N'IMIKINO, AMAKOPERATIVE Y'URUBYIRUKO :

Ba Bourgmestre, abajyanama ba Komine babifashijwemo na ba Encadreurs Communaux bafite umwete wo gushyira hamwe urubyiruko. Babanza kubagira inama nziza yo kwifata mubuzima no gukunda amatwara meza ya Republika ya II. Ubundi bakabatoza amakoperative, bakabakundisha imikino.

Ku makoperative ndetse n'imikino, byaba byiza habonetse abakozi benshi bigisha abo bose bashaka kurema za koperative cyangwa se amakipe y'imikino. Ikibazo cya Encadrement nicyo mbona kidukomereye, nabwo ubundi abaturage bakeneye ababwiliza.

UBUKUNGU N'UBUCURUZI :

Ku byerekeye ubukungu, naberetse ko dufite ibishanga byinshi bidahinze, kandi byazanira Prefegitura ya Butare ubukungu. Za ha 680 z'ibishanga dufite, zitaguwe neza, zigahingwa, mwese mwakwibonera igitangaza. Bishobotse hakaboneka na za usines al'izishobora gukora impapuro, ibilingiti, konfitire, amavuta y'ubunyobwa na soya, byatuma abaturage bashobora kubona imilimo byagabanya cyane umubare wa ba chomeurs.

Twifuza izine y'ikawa muli peyizana no ku Karubanda, umuhanda uhuza Komini Muyira na Komini Ngenda, kugira ngo Prefegitura ya Butare igire umugenderano na Prefegitura ya Kigali.

.../...

Ubucuruzi bwo bumeze ukundi. Ababulimo usanga ali banyamwigendaho, baracyafite esprit individualiste. Nk'iyo campagne-café ije, usanga ntawe ushaka kuguza amafaranga muli banki cyangwa se muli Caisse d'Epargne. Icyo batinya ntawukizi. Ubwanjye nagiye kubavuganira kwa ba Diregiteri b'ibyo bigo, mbasaba ko batazasubiza inyuma umucuruzi w'i Butare.

None rero nimubanama umwanyu ubwoba, birashoboka ko bateza imbere ubucuruzi. Nabwo ubundi iyo ugeze muli Centre de Négoce, usanga nta gihali, kandi dufite za Centre de négoce zigeze kuli 59 n'abacuruzi 1.000 bafite Registre de Commerce.

Cyakora icyo twese twifuza nuko muli iyi Prefegitura haba abacuruzi b'abanyarwanda grossistes.

ABALI N'ABATEGARUGOLI.:

Abâli n'abategarugoli bo muli iyi Prefegitura bishimiye cyane umwaka wa 1975 wabahaliwe. Hilya no hino mu makomini, batangiye ibikorwa bya kijyambere, ubufatanye muli bo buliyongera, za koperative z'abâli n'abategarugoli zitangiye kuvuka, baratanga umuganda batiganda mu milimo myinshi. Mbese abenshi bumvise ko bafite uruhare runini mu majyambere y'igihugu. Programu yateganilijwe uyu mwaka wabegulíwe, ikubiyemo byinshi kandi twarayishimye twese. Icyakora twaje kubanganirwa n'uko nta budget yateganijwe kugira ngo iyo programme yubahilizwe nta ngorane.

Icyo abategarugoli n'abâli basaba cyane nuko Leta yashyiraho amategeko agenga umulyango :(ndashaka kuvuga Code Familial ) atunganiye buli muvuka-Rwanda wese.

UBUCAMANZA N'AMAHORO :

Ikindi kibazo kidukomereye muli iki gihe ni icy'amabandi, ibirara, abavuga nabi bakwiza impuha hilya no hino, n'ikibazo cy'abamaraya. Amabandi twagerageje kuyacyaha cyane. Ingabo z'Igihugu, abacamanza n'abategetsi bashinzwe administration twagiye duhura kenshi, tugashakira hamwe umuti wo kurwanya ubwo burara n'ubwibyi. Mbese twihatira gukulikiza amategeko n'amabwiliza yose muduha. Ikindi dushimiye Leta nuko ifite igitekerezo cyo gushyiraho Sous-Brigade Judiciaire mu Mayaga, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo i Nyanza, Inkiko za Kanto ebyili muli Komini za Runyinya na Kigembe. Amazu n'ibikoresho byarateguwe, ahasigaye ni ukohereza abakozi.

.../...

IBYIZA BILI MULI BUTARE : TURISMI

Prefegitura ya Butare ifite byiza byinshi biteye amatsiko: Inkiko Nkuru, ISAR Rubona, amashuli makuru na Laboratoire, Musée National, ibibuga by'umupira binini, twa Sentre touristiques tumaze kuvuka mu makomini, za ateliers zikorerwamo imitako, tapisserie. Ibyo byose bizana mukerarugendo ali abanyamahanga cyanga se abanyarwanda. Bagera mu mujyi wa Butare, bakabura amacumbi. Faucon na IBIS zifite amashambure 32. Hubatswe mu mujyi wa Butare Hoteli nini, byaba bitunganye.

ELECTRICITE :

Ikindi kibabaje ni amazi n'umuliro. Mul'uyu mujyi wa Butare, muzi ko tuhafite za services nyinshi zigomba gukoresha electricité : amashuli, za laboratoires, ibitaro, n'ibindi. Mu mwaka ushize électricité yabuze, Laboratoire Universitaire yatakaje imiti ihwanye n'amafranga 1.500.000 .

ARTISANAT : Kugira ngo rero iyi Prefegitura ya Butare izashobore kubaho neza, ntimugire ngo n'ubworozi n'ubuhinzi bizayikiza gusa, hal'ikindi dukwiye guteza imbere, ni ibyo bita " ARTISANAT " (imitako), kubumba, gucukura, ubukolikoli n'ibindi nk'ibyo. Dufite igitekerezo cyo kwigira hamwe n'impuguke ubulyo habaho koperative yateza imbere artisanat.

Mu mwaka ushize, twakoresheje exposition " objets d'art, twabonye ukuntu babyishimiye, bahatangira ibiceli byinshi bagura ibyo byiza byose byakozwe n'urubyiruko.

* *

*

Mu magambo make, Nyakubahwa Bwana Prezida, Banyacyubahiro mwese, Prefegitura ya Butare, mu minsi ili imbere, ishobora kumererwa neza kurushaho hakozwe ibi bikulikira :

- Guhingisha ibishanga by'Akanyaru , Mwogo na Migina.
- Gushyiraho za izine de transformation,
- Guhuza Butare na Kigali ku ruhande rwa Mayaga, hakozwe itene ly'umuhanda uhuza Komini Muyira (Butare) na Komini Ngenda ( Kigali)
- Gukora neza umuhanda wa Butare-Cyangugu : Mwese ntawe utazi ko Prefegitura ya Cyangugu yera cyane. Ibihêze, twumva ko byigira mu mahanga ba transporteurs bose batinya umuhanda Butare-Cyangugu kubera ko umara imodoka . Ikindi ibyera muli Gitarama byigira i Kigali. Butare ituwe cyane, izatungwa n'iki, iyo mihanda itameze neza ?

MURAKOZE "

Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika ashimira Bwana Prefe ukuntu ababwiye neza ibibazo bili muli Prefegitura ya Butare. Avuga ko ba Ministri bali butange ibisubizo bya binwe, ibitabonye ibisubizo byandikwe.

Yasobanuye ko kimwe mu byabazanye ali ukubabwira ko imishinga ali myinshi mu gihugu kandi ko amafranga ali make, ikaba ali nayo mpamvu bashyizeho umuganda wa buli munyarwanda ukulikije segiteri na za Komini. Umuganda ntugomba gufatwa nk'akazi ka kera, niyo mpamvu ba Bourgmestre n'abajyanama bagomba gutanga urugero bakoresha amaboko bafatanije n'impuguke. Kudaharuza abaturage umuhanda ujya kwa Bourgmestre cyangwa ku kabare k'umujyanama. Iyo milimo igomba kwerekanwa n'impuguke kandi igakorwa vuba itanzwe n'inama ya Komini, ali nayo ibimenyesha Prefe nawe akabimenyesha Ministeri ishinzwe umutungo w'Igihugu . Buli muturage wese agomba gutanga umuganda limwe mu cyumweru.

Ku kibazo cy'isabato, Prezida wa Republika avuga ko yabonanye n'uhagaraliye idini y'abadventiste kureba umunsi utali uwa gatandatu abadventiste batangaho umuganda, ukemezwa na Prefe n'inama ya Komini. Naho [illegible] ku bakozi ba Leta, umunsi w'umuganda ni buli wa gatandatu, kuko dukulikije amategeko agenga abakozi, buli mukozi agomba gukora kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatandatu saa sita nta tandukanyilizo ly'amadini. Muli za segiteri za Komini, ahali idini lyiganje, inama ya Komini na Prefe, bashyiraho undi munsi ubashobokeye. Yasabye ba Bourgmestre n'abajyanama kumvisha abaturage amategeko mashya avugurura ubutegetsi bwa Prefegitura na Komini.

Bourgmestre niwe ushinzwe amahoro, ubukungu, amajyambere n'umutekano muli Komini afashijwe n'abajyanama , abagize inama z'impuguke, izitsura amajyambere... gushyigikira iyo ntego y'amajyambere.

Muli Prefegitura, ijisho lya Leta ni Prefe, afashwa na ba Bourgmestre, na ba S/Prefe, n'abakozi ba Leta, aliko nawe twamuhaye Conseil Préfectoral igomba kumufasha.

Mu makomini hali za services techniques (ubucamanza, fuwaye, ubuganga, ubuhinzi, ubworozi,....) zigomba gufasha Prefe kuzamura amajyambere ya Prefegitura, hagomba ubwumvikane buhagije kugira ngo ibyo inama ya Komini yemeje bikulikizwe neza. Ati ikindi tubasaba ko mwadufashaho ni :

- kurwanya abashaka kugarura impuha no gusebya abandi,
- kurwanya amabandi. Abashinzwe amahoro nibo bashinzwe kurwanya ayo mabandi , aliko umujyanama niwe shingiro ly'amahoro muli segiteri ye. Kuyarwanya ni ibya buli wese, s'iby'abasilikare gusa.
- gufasha imbabare. Twasabye ko ba Bourgmestre batugezaho listi y'abatishoboye, hagashyirwaho isanduku ibafashiliza iwabo, twashyiramo amafranga aturutse impande zose : ali mu badufasha, ali intwererano za Leta cyangwa Komini.

../..

- Ibyerekeye amashuli, muli diskuru-programu yo ku wa 1 Kanama 1973, Ministeri y'Uburezi twayisabye kuvugurura programu yahuza n'umuco wa kinyarwanda (réforme scolaire) ku bulyo tutakwibagirwa abana basubira iwabo. Tulifuza kubona urubyiruko muli cycles zose ruzi kwirwanaho. Nanone hali ibibazo byavutsemo, nko kumenya igihe umwana yatangilira kwiga.

Mu mashuli, discipline ningombwa. Kugira amafranga make n'imyanya mike mu mashuli ntibyadushimishije. Umwaka wa 1973 utangira, abiyitaga abarwanashyaka bashatse gutwika no kwica bifashisha abanyeshuli, niyo mpamvu Ingabo z'Igihugu zafashe ubutegetsi. Na n'ubu ngo hali abashaka kubakoresha aliko twizeye ko nabo babyumvise ko ali bibi, si abana. Abo namwe mugomba kubacyaha. Twibutse ko amashuli yose ali aya Leta, niyo mpamvu umunyeshuli aho aturuka hose agomba kumva ko ali iwabo. Amashuli y'i Butare si ay'abanyabutare gusa cyangwa ay'i Gisenyi ay'abanyagisenyi gusa.

Twasabye ko Conseil de discipline zisura abanyeshuli kenshi, ntizitegereze ko haba imvururu. Aliko abanyeshuli nabo bagomba kumva ko bafite responsabilités, ba diregiteri nabo bakamenya izabo, bakegera abanyeshuli kugira ngo bamenye ibibazo byabo. Aho kwiruka bajya i Kigali, bashakire ibibazo mu kigo hamwe n'abalimu.

Hali n'abanyeshuli bivumbuye banga kwiga ngo abandi barabatoteza, barashaka kubica..., abo bafashe umwanya w'abandi, batwaye amafranga y'igihugu ku busa. Abo turasaba abakuru b'amashuli ko bagira icyo babitubwiraho, tubashakire centres de réeducation; si prison, si ubusilikare, ni koperative z'ubuhinzi cyangwa indi milimo y'amaboko. Bagakoresha amaboko yabo kuko banze gukoresha ubwenge.

Ikindi mugomba gucengeza mu baturage, ni umuco wo gukora. Prefe ba Bourgmestre, abajyanama nibatange urugero mu baturage. Gukora s'iby'abakozi ba Leta gusa, ni ibya buli wese. Nta muntu ukwiye kuzindukira mu kabali cyangwa ngo yikoze mu mulima atahe yiyicalira gusa. Mushobora kubaka amazu meza, mugahinga, mugakora za koperative n'ibindi. Hali n'abibwira ko gukora ali igice cy'umunsi gusa, amasaha atakaye agomba kulihwa.

Ibyerekeye ubucuruzi, simbona impamvu abacuruzi baba ba Nyamwigendaho, bagatinya no kuguza amafranga mu mabanki . Icyo tuzi nuko abacuruzi bacu, ndetse n'i i.. n'igihugu dufite amafranga make. Bakwiye kwiga ubulyo bwo gufatanya , kandi Chambre de Commerce izabitafashamo , nicyo yashyiliweho.

Muli ubwo bucuruzi tugomba kwilinda gusahura umutungo w'igihugu tuwujyana mu mahanga. Hali nka zahabu, n'ubundi bukungu bisohoka bikajya mu mahanga. Niyo mpamvu twasabye SOMIRWA gukingura comptoir d'achat ya zahabu kugira ngo twoye kwohereza ubukungu bwacu mu mahanga.

Iyo duhuye, ningombwa ko mbasobanulira uko politiki yacu n'andi mahanga iteye. Ku mubano n'amahanga, twasabye abanyamahanga gukomeza kudushyigikira kugira ngo uwo mubano urusheho gukomeza kujya mbere. Nongeye kuvuga muli diskuru yanjye yo ku wa 5 Nyakanga 1973 . .../...

" Ibihugu byose dusanganywe ubucuti n'umubano, cyane cyane ibyo duhujije
" imipaka, tuzakomeza kubana nk'uko bisanzwe, ndetse turusheho.

" Turashimira mu mwanya wanyu ibihugu bitatinze kudutera inkunga byumvise
" icyo gikorwa k'ingenzi twiyemeje.

" Imilyango y'isi yose u Rwanda rwali rwalinjiyemo, ruzayigumamo,
" n'amasezerano rwali rufitanye nayo azubahilizwa."

Mu kwa munani nabwo nongeye kuvuga ko tuzakomeza umubano n'ibihugu by'amahanga, cyane cyane ibidukikije, hali Zaïre, Ubuganda, Tanzaniya, Uburundi. Muburundi nahuye na Prezida MICOMBERO mubwira ko tudashaka kwilirwa dutukana kuko tuli abavandimwe, tuvuga urulimi rumwe, dufite imico imwe. Tuzi neza ko nta majyambere twageraho tudafitanye umubano n'ibihugu bidukikije. Niyo mpamvu twashyizeho inama ihuza Uburundi n'Urwanda iherutse kubera i Kigali kugira ngo yigire hamwe uko twafatanya muli infrastructure no muli transport. Hali n'inama y'inyabutatu (tripartite) duhora dukora, na vuba aha kuva ku itariki ya mbere kugera ku ya gatatu Gicurasi 1975, iyo nama yahuje ba Ministri bashinzwe umubano n'amahanga kuli Goma, hali Uwurwanda, uwuburundi n'uwazayire. Twibuke kandi ko mul'iyo nama Urwanda rwahawe kuyobora commission permanente.

Uko dufatanya n'ibihugu bidukikije bizadufasha no kugera ku mubano n'ibindi bihugu bigize umulyango w'ubumwe bw'Afrika. Leta yacu nayo yiyemeje gutera inkunga ibihugu by'Afrika bigikolonijwe n'abazungu.

Mu nama yabereye i Dares-Salaam, twavuze ko tutanze kubana n'Afrika y'epfo, aliko iretse kulyamira abanyafrika. Hali ababaza aho Urwanda rubogamiye muli politiki, ntaho rubogamiye, gusa rubana n'ibihugu byose bishyigikiye amahoro n'amajyambere, icyo twanze n'ivangura ly'amoko n'ubukolonize. Uko kutagira aho tubogamira bidufasha kuyobora ubwacu politiki y'Igihugu cyacu. Ninayo mpamvu Republika ya kabili imaze kugera kuli byinshi.

Ibihugu byadufashije kandi bikidufasha kurangiza imishinga twatangiye ni Canada, Etats-Unis, Belgique, Allemagne, Suisse, Chine, France, Luxembourg, Corrée du Nord, Libye, Koweit, Arabe-Unie, PNUD, Banque Mondiale, Banque Africaine de Développement. Icyo dusaba za services techniques zibishinzwe, n'uko zakora uko zishoboye kugira ngo iyo mishinga ikorwe kandi n'izo mfashanyo zikoreshwe neza. Aliko ibyo ntibigomba kutubuza gukoresha ingufu zacu kuko akimuhana kaza imvura ihise. Urwanda nitwe tugomba kurwubaka, imfashanyo zikaza nyuma.

Ibyerekeye politiki yo mu Gihugu, nk'uko twabitangaje kw'itariki ya gatanu Nyakanga 1973, Révolution twakoze ni morale. Twasheshe Parti yali iliho kuko yali imaze kuba igikoresho cyo gusahura, kwica n'ibindi...

../..

Turashaka gushinga Parti idashingiye ku bwoko, ilimo buli wese, mouvement révolutionnaire ihuza abanyarwanda bose, umutwe uhuza abanyarwanda bose " rassemblement " . Buli wese akamenya icyo ashinzwe, agahemberwa icyo yakoze. Muzi nk'abadepite bo hambere bilirwaga bicuruliza, ukwezi kwashira bakajya guhembwa. Ibyo sibyo dushaka, umuntu ahemberwa umulimo yakoze. Uwo mutwe rero uzahagaralirwa n'abo abantu bihitiyemo, ntihagire ibihanga bibili bibyiganira mu nkono imwe. Ngibyo rero ibyo mugomba kudufashamo, tukigisha abantu gukora, ibyo byose bikazaba bibumbiye muli uwo mutwe dushaka gushyiraho.

UMWANYA W' IBIBAZO :

Bourgmestre wa Komini KIBAYI : Kubera ko Komini Kibayi ifite abantu benshi, kandi ikabamo indwara nyinshi, mugihe tugitegereje kubaka dispensaire ntimwaba muduhaye ambulance ?

- Ntimwazatwoherereza impuguke ziza gutunganya igishanga duhingamo umuceli kubera ko hali urufuzzo rwinshi ?

- Iyo umuceli tuwejeje tubura imashini yo kuwutonora, kandi n'igiciro kikaba gito, ntimwazayitubonera ?

- Ku murenge Makwaza, twasanze ali ahantu habereye tourisme, twahubatse n'inzu ya kinyarwanda aliko turasaba imfashanyo muli Leta kugira ngo tuhubake ihoteli, ba mukerarugendo bajya baruhukiramo.

PREZIDA : Buli Ministri arajya asubiza ikibazo kimureba, aliko kubyerekeye iyo mfashanyo waka nta mafranga dufite, aliko tourisme yabishyira ku murongo w'izindi za projets.

Ministri w'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage : Ikibazo cy'ambulance cyabajijwe hose, aliko twabashubije ko nta bushobozi dufite, twagerageje gusaba imiti mu ncuti, iyo twabonye twarayohereje. Naho ambilansi ntayo dufite kandi siyo ifasha abantu kurwanya indwara nka typhus n'izindi, ahubwo ba bourgmestre n'abajyanama bagomba kwigisha abantu kugira isuku ku mubili, abafashwe n'indwara tukabavura . Icyakora Bourgmestri yifatanije n'abaturage iyo ambilansi bayigura.

Prezida : Icyo dusaba Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage ni ukohereza imiti kuli dispenseri ili bugufi cyangwa ku bitaro, namwe mukigisha abaturage kugira isuku.

Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi : Gukamura icyo gishanga cyo muli komini Kibayi byizwe muli 1958, aliko nta mafranga twigeze tubona, noneho aho abonekeye, asanga ibiciro byaliyongereye ntacyo yamara. Icyakora turacyakomeza gushaka ubulyo twakamya icyo gishanga.

- Ibyerekeye igiciro cy'umuceli, twashyizeho commission yiga ibiciro, nimara kugishyiraho bazakibabwira. Imashini zisya umuceli nazo twarazitumiye mu Bushinwa, niziza tuzayohereza.

" Imilyango y'isi yose u Rwanda rwali rwalinjiyemo, ruzayigumamo,
" n'amasezerano rwali ruritanye nayo azubahilizwa.

.../...

Mu kwa munani nabwo nongeye kuvuga ko tuzakomeza umubano n'ibihugu by'amahanga, cyane cyane ibidukikije, hali Zaïre, Ubugand...

Prezida : Ibyo byerekeye imashini isya umuceli, niba hera mwinshi bakabura aho bawutonoresha, ndakeka muli Nyabugogo haba hali imashini, mwaba mubatijemo inwe mu gihe izo zitaraza.

Bourgmestri wa Komini Nyakizu : Komini Nyakizu ili kure ya Butare, kandi ni agace kasigaye inyuma mu majyambere. Hali nk'ushaka kwandika ibaruwa cyangwa se kubitsa amafranga akabura aho yabinyuza. Ntimwazaduha iposta ko inzu tuyifite ?

- Muli Nyakizu hali imihanda mibi ifite amateme mato, bakaba basaba ko bayagura na autobus ikaba yashobora kujyayo.
- Iliba lihali lifite amazi meza kandi menshi. Inka zikaha ziyakunda, ahali lyagilira aborozi akamaro, ntimwadufasha kulyubakira ?
- Nyakizu ifite ibice bibili, hali ahera amakawa hakaba n'ibibaya. Ntimwadufasha guhinga icyayi aho hahingwa amakawa kuko atazamuka neza ?

Prezida : Ikibazo kerekeye iposta, Ministri ubishinzwe ali bugusubize aliko turasanga abayakeneye ali benshi. Ni ukuzohereza abatekinisiye bakareba ko ali ngombwa koko. Naho ibyerekeye amateme nicyo cyifuzo dufite, muzakore ibyo mushoboye ibitabashobokeye tubafashe.

Ilyo liba ly'amazi nalyo niba lili mu mishinga yateganyijwe, nabyo babigusobanulire.

Ministri w'Amaposta na Komunikasiyo : amaposta akenewe henshi kandi muli Ministeri turateganya kuzashyira amaposta mu makomini ali kure. Tuzohereza rero umutekinisiye aze kureba niba ali ngombwa koko nkuko mwabivuze. Otobisi nayo nibamara kwagura ayo mateme , tumaze kubona za otobisi zatumijwe mu Buyapani, tuzayoherezayo.

Ministri wa Pula n'Umutungo w'Igihugu : Kuli ilyo liba tuzohereza umutekinisiye aze kulireba, icyakora imfashanyo izuzuza ilyo muzaba mwarakoze.

Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi : Ibyerekeye icyayi dufite projets nyinshi aliko hose ntihahingwa icyayi. Ndasaba Agronome wa Prefegitura na I.S.A.R. ko bazajya kuhareba.

Bourgmestri wa Komini Nyakizu : Ministri wa Plan yali yampaye promesse yo kwohereza abatekinisiye none Ministri w'Ubuhinzi aravuga ngo tubanze dukore, aliko ndasaba ko babanza kureba bakatwereka n'icyo twakora niba ali ngombwa.

Prezida : Ibyo ntibyakubuza kubakira ilyo liba bakazaza kureba nyuma.

Bourgmestri wa Komini MBAZI : Bongereye imishahara y'abakozi ba Komini k'ubulyo itazahemba ngo ikore n'imishinga yayo. Nta mfashanyo Komini zizabona kugira ngo zishobore guhemba abakozi ?

- Komini zikennye ntizishobora kugulizwa amafranga kugira ngo zirangize imishinga yazo ?
- Imitulire yacu ituma umuntu atabona aho ahinga. Nta kuntu haboneka ubulyo bwo gushyiraho za usines nk'iyi ibilingiti, iy'ibiti, iy'ikawa, iy'impu, cyangwa izindi kugira ngo abaturage batazicwa n'inzara?
- Kubyerekeye ubufatanye bw'abaturage, hali inzu twubatse yahoze ali iya Parti nkuko twubatse stade, COVEPABU, aliko iyo nzu barayijyanye bayiha Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu. Nta ngurane yayo twazabona kugira ngo tubone aho tujya dukorera inama aho guhora dutira ?

<u>Prezida</u> : Ibyerekeye iyo nzu twabonye ikindi kihutirwa tuyitiza abo banyeshuli ni bwo bufatanye.
Ikibazo cy'imitulire y'abaturage cyiracyigwa, nicyo mu Rwanda hose.
Naho iby'imishahara no kugulizwa by'amakomini, Ministri ubishinzwe nagusubize.

<u>Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta</u> : Icyo ni ikibazo cyabajijwe hose, turacyagishakira umuti, aliko hali ubwo umutungo wa Komini ufatwa nabi abandi bakawikoreshereza ku giti cyabo. Ba Bourgmestri na Conseillers bakayagabana. Hali kandi aho biterwa n'amafranga make. Naho Komini zikennye kubera imyinjilire mike y'umutungo wa Komini (recettes), zigomba gukora inventaires y'ibintu zikeneye bikanyura mu nama ya Komini no kwa Prefe hanyuma bakabyohereza muli Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta, tukabisuzuma twasanga alibyo tukazifasha. Abakennye kubera ko hali abababerayemo imyenda, bagomba kubanza bakayishyuza.

Ku byerekeye igulizwa, ni ukureba niba iyo mishinga ifitiye abaturage akamaro, aliko simbona ukuntu Komini idashoboye kwishyura yafata umwenda, gusa ba Bourgmestri bagomba kwita ku mutungo wa Komini kandi abajyanama nabo bakaba bazi uko ungana igihe baje mu nama, kugira ngo nunagabanuka bamenye aho wagiye.

<u>Diregiteri wa Laiterie y'i Nyabisindu</u> : Ubworozi buracumbagira kandi kulya inyama, kunywa amata bifite akamaro aliko ntibihagije.
- Inzuli nazo ziragabanuka kubera abantu biyongera. Inzira z'inka nazo n'amazi zinywa bikabura. Abakozi ntibajijukiwe kandi ababayobora ni bake, bilirwa bapima inyama mu masoko.Ndasaba ko mwakongera cadre y'abakozi.
- Ikiganiro cy'ubuhinzi n'ubworozi kivugirwa muli Radiyo cyikongerwaho ka gazeti ibyo bikaba byabafasha, kagurwa cyangwa kagatangirwa ubuntu.

<u>Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi</u> : Ishuli ly'ubworozi lirahali aliko mu mwaka umwe ntihaba habonetse abakozi bahagije. Abo bake barangiza bakwiye kugira inama abaturage bakabigisha kworora kijyambere uretse n'ako kagazeti. Ba Veterineri rero nibyo bagomba kwitaho, nko kubyerekeye amatungo magufi, i Rubona muli ISAR batangiye kworora <u>ihene</u> nizimara kugwira tuzazikwiza mu baturage.

.../...

Prezida : Ibyo nibyo, abanyarwanda bamaze kumenya inyama, aliko twitondere kulya kurusha uko tworora. Ba Veterineri rero bakwiye kwiga ubulyo ubworozi bwakongerwa. Ibyerekeye inzuli nazo ni nke, aliko mukwiye kwigisha abaturage uko bakongera amatungo make meza afite icyo alya. Hali ibigo bya Leta byororerwamo kijyambere nka I.S.A.R. (Songa- Rubilizi,) OVAPAM igiye gushyirwaho mu Mutara. Izo ni projets aliko abaturage bakwiye kubidufashamo.

Bourgmestri wa Komini Shyanda : Abaturage bali bamaze kuba benshi muli Butare, noneho bamwe bimukira ku Rusumo, aliko nanone biyongereye, nta handi haboneka ngo himukire yo abandi, cyangwa se mutwatishilize ?

- Ibyerekeye amashuli mato ali mu maparoisse ntiyitaweho, nta madilishya, nta nzugi, bigatuma abana barwara umusonga, ntacyo Leta ibitekerezaho ?
- Amabandi bayamenesha mu mugi agatera abaturage afite inkota, imipanga n'ibindi.., hanyuma bagatabaza Bourgmestre nta ntwaro agira, nta ntwaro muteganya kuzaha ba Bourgmestri ?
- Hali umushinga wo kworora ingurube, ntimwadusobanulira aho ugeze ?
- Abajyanama ba Komini bafite umushahara uli munsi y'uw'umuplanto, Leta ibitekerezaho iki ?

Prezida : Ikibazo cy'ubworozi Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi na Ministri wa Plan n'Umutungo w'Igihugu bali bukigusobanulire. Naho ikibazo cyo kwimuka ntaho kwimukira hagihali, gusa mu Bugesera haboneka aliko nta mazi abayo. Ministri ushinzwe Plan n'Umutungo w'Igihugu tumusabye ko yazashaka ubulyo amazi yazaboneka yo.
Ikindi kandi gukomeza gukora paysannat nabyo si byiza ahubwo tuliga ukuntu bazajya batura muli za villages.
Ku byerekeye kwatisha ahandi, nabyo ntahahali. nko muli Zayire no muli Tanzaniya hali tsétsé.

Iby'amashuli baragusubiza aliko mugomba kujya mwaka ibyo mudashoboye nk'ibiva mu mahanga ibindi mukabikoresha amaboko yanyu.

Umushahara w'abajyanama bose barabibajije aliko amafranga 2.000 aruta ubusa kuko mbere ntibahembwaga. Ministri ushinzwe ubutegetsi bw'Igihugu azatanga inyigisho zerekeye akazi k'umujyanama ko atagomba kujya mu biro buli munsi, agomba kuba hagati y'abaturage mu milimo ya kijyambere akikorera. Mbere yo kubongerera umushahara rero, mubanze mwongere umutungo wa Komini. Niba isanduku ya Komini ilimo ubusa twabongerera dute.

Ibyerekeye imbunda twashatse ko Bourgmestri yakwigulira imbunda aliko dusanga aramutse avuyemo yayijyana, niyo mpamvu Komini izagira imbunda ya revolver ikajya iyitiza Bourgmestri.

.../...

Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi : Projet yo kworora ingurube iliho, twatangiliye i Kigali niho tuzakorera multiplication kugira ngo tuzohereze n'ahandi. Projet yaratangiwe rero.

Bourgmestri wa Komini Ntyazo :

- Muli paysannat Mayaga hali amashuli meza twujuje biturutse ku mfashanyo ya FED, nta kuntu byashoboka ngo habe ishuli limwe likuru ?
- Mu karere ka Mayaga hali amafranga menshi, turasaba ko mwazahadushyilira caisse d'épargne.
- Mu Mayaga hali amabandi menshi nta kuntu mwazahadushyilira Station Judiciaire ko amazu amwe ahali ?

Prezida : Ibyo ndabona ali nk'ibyifuzo aliko ibyerekeye ilyo shuli lyisumbuye twabishyira muli projets zacu tukazareba niba byashoboka.

Ni kimwe n'ibya Station Judiciaire na Caisse d'Epargne kuko hagomba amazu, ibikoresho n'ibindi, gusa hali projet yo gushyiraho za banque z'abaturage ndabona twabwira ababishinzwe bakabishyira mu mishinga yabo kuko ubu batangiliye i Kibungo.

Bourgmestre wa Komini Rusatira : Amazu ya Leta ali mu makomini, nka za gîtes n'andi yahoze ali aya za chefferies nk'irkiko n'ibihunikwa, arasenyuka. Komini iyasana by'agateganyo, amazu amwe akabaza n'amafranga menshi. Leta ntishobora kuyegulira za Komini ?

Kubitsa amafranga muli Caisse d'Epargne aliko kuyabikutsa birarushya, kuko ntawe ushobora kubikuza amafranga arenga ibihumbi 50.000.adafite uruhushya rwa Diregiteri Jenerali wa Caisse d'Epargne. Ntimwadushakira ubulyo bworoshye bwo kubikuza ayo mafranga igihe umuntu ayashakiye?

Kugira ngo muli Caisse d'Epargne bandikire umuntu inyungu bagomba kwohereza livret d'épargne i Kigali, agatabo kagerayo ntikagaruke, bityo umuntu agatinya kukwohereza ngo katazaherayo n'inyungu ntizandikwe.

Prezida : Iby'amazu ya Leta asenyuka, ba Bourgmestri bafite amazu nkayo bayasaba Ministeri ishinzwe imilimo ya Leta n'ibikoresho, noneho basanga Leta itayakeneye ikayabaha.

Diregiteri wa Caisse Sociale : Ubundi ayo mategeko yaliho muli Caisse d'Epargne, aliko uje agasobanulira Diregiteri ko akeneye amafranga ye ntibayamwima, gusa kuvugurura iyo mitegekere ya kera biraruhije. Ibyerekeye inyungu nabyo, tuzumvikana na Ministeri ishinzwe amaposta na komunikasiyo kugira ngo itwemerere dushyire abakozi ba Caisse d'Epargne mu maposta bakora akazi ka Caisse d'Epargne gusa kandi bagahembwa nayo.

.../...

Prezida : Nk'uko Diregiteri Jenerali wa Caisse d'Epargne abivuze, nihaboneka za succursales ahali amaposta hose, bizoroha.

Bourgmestri wa Komini Muyira : Dufite ivuliro lifashwe n'ababikira lifasha Région Mayaga yose, nta bavuzi bahagije lifite, turasaba byihutirwa kuduha nibura assistant médical umwe, kandi ho mwahashyira ibitaro.

- Turasaba ko mwadushyilira ikiraro hagati ya Komini Ngenda na Muyira. Projet yo kugitinda yaliho, aliko ntituzi icyayihagalitse.
- Kubera ko akarere ka Mayaga kali kure, turasaba ko baduha otobisi, imihanda tukazayikora mu muganda.

Prezida : Sinzi niba kubaka ibitaro byashoboka aka kanya, aliko Ministri ushinzwe ubuvuzi arakubwira niba uwo mukozi yaboneka na Ministri ushinzwe imilimo ya Leta n'ibikoresho atubwire niba amafranga yo kubaka ilyo teme yarabuze. Naho ibyerekeye otobisi, hali commande zakozwe, niziza bazazikwiza mu mihanda yose.

Ministri w'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage : Ubundi hagati y'amavuliro yubatswe n'amadini hali convention bagirana na Leta, bakabaha abakozi bakulikije uko hangana. Kandi n'abakozi ni bake ya, aliko nzareba niba hali uwo nabaha. Kandi hali na dispensaire yubatswe na O.B.M. muli Komini Ngenda izaborohereza.

Naho ibyerekeye kubaka ibataro Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage nta mafranga yo kubaka igira, gusa tubaha ibikoresho, naho ubundi natwe tugomba imfashanyo, Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho niyo ireba iby'ubwubatsi. Nibamara kugera hose, izareba ko bishoboka aliko ntiyemeza ko Komini Muyira aliyo yabanza.

Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho : Ikibazo cy'iteme giteye inkeke bose. Muli 1963 bashatse kuhashyira icyombo basanga ko mu gihe cy'icyi amazi aba macye kitagenda. Twiga uko hakubakwa ikiraro dusanga nta butaka bukomeye buli bugufi aho n'aho buli, buli kuli metero 20. Basanga hagomba gukoreshwa indi tekiniki ikomeye. Twaka imfashanyo mu nshuti baratwangira none twasabye ikiraro ubwacyo,,none Ministri w'Ubudage bw'iburengerazuba yemeye kuzaliduha mu mpera z'umwaka utaha. Ubundi natwe tuzabitangira vuba.

MUNYAKAZI Léopord, Prezida w'AGEUNR : Abanyeshuli bibazaga niba bose mubafata nka bo muli primaire cyangwa secondaire. Ubundi ntibatumirwaga mu nama nk'izi kandi nabo bazahura n'ibindi bibazo. Kugeza ubu abanyehuli ba U.N.R. cyangwa I.P.N. aho banyuze baravuga ngo barananiranye, bakavuga ko alibo bateza imvururu mu mashuli, bararengana kandi ababarenganya nibo baboshya. Hali n'abandi bavuga ngo abanyeshuli bo muli U.N.R. na I.P.N. ntibatanga umuganda. Abo balibeshya ko nta renseignements zihagije bafite.

Bafite imilimo ikomeye kandi ifitiye abaturage akamaro. Hali nk'ibyo bakora bifitiye abaturage akamaro. Hali amakipe atanu akulikiza amabwiliza ya E.U.M. (Entraide Universitaire Mondiale) :

- Koperative z'ubuhinzi,
- Ishinzwe isuku,
- Ikipi y'abasikuti bo muli U.N.R.
- Ikipi ya St.Vincent de Paul yita ku basaza no ku bakecuru b'i Tumba,
- Croix-Rouge "Section U.N.R.

Ibyo byose biragaragaza ko abanyeshuli batirengagije imilimo y'igihugu. Ni nayo mpamvu twasanze atali ngombwa gushyiraho umunsi w'umuganda kubera iyo milimo yose ikorwa n'abanyeshuli tutirengagije n'umulimo wabo wa mbere wo kwiga.

Prezida : Republika ya kabili ifata abanyeshuli muli za cadres z'Igihugu, ntabwo ali abantu irresponsables. Ni abaturage nk'abandi. Ntabwo umunyeshuli yakwangiza ikintu cy'undi ngo bavuge ngo ni irresponsable. Ikindi kidutangaza ni uko ibyo byose utabibwiye Recteur ugategereza kubimbwilira hano. Turasaba abayobozi b'inzego zose ko bagirana umushyikirano n'abanyeshuli . Ntabwo bagomba kubatinya. Aho wavuze ngo abo babakulikirana nibo baboshya, babohereza iki mwabimye amatwi. Hali n'abandi batangiye kwandika ibintu babyitilira umulyango wanyu. Gusa umunyeshuli niwe ugomba kwerekana ko atagomba gutinywa.

Prezida w'AGEIPN : Iyo amashuli atangiye muli U.N.R. mujyayo mukabatera inkunga, twe ntiturababona na limwe. Iyo umwaka urangiye ni kimwe ntitubabona ngo tubabwire ibyacu. Twategereje ko musûra I.P.N. aliko ntimwaje. Mu mishinga mwavuze nta na hamwe muvuga ko I.P.N. izafashwa, ni ukuvuga ko twibagiranye, ntituzwi. Ndasaba ko mutubwira aho projet yo kwagura amazu ya I.P.N. igeze, kandi mukajya muza kudusura nk'abandi.

Prezida : Ibibazo byawe ndabona ali ukurwanira prestige, sinshobora gusura buli shuli cyangwa ngo ntange diplôme hose. Nagiye muli U.N.R. kugira ngo nereke abanyeshuli b'inzego zose ko ndi kumwe namwe. Icyakora wenda nzashaka umwanya wo kuza kubasura aliko no mu mashuli secondaire bazavuga batyo. Icyatumye ntavuga imishinga dufite kuli I.P.N. nuko dufite nyinshi nyivuze sinayirangiza.

Ministri w'Uburezi bw'Igihugu : Ni koko I.P.N. yakiliye imfashanyo ya P.N.U.D. hali projet yo kuyagura, aliko kubera ibiciro byiyongereye, amafranga yabaye make, aliko umushinga uracyakulikiwe, gusa ntawavuga ko uzakorwa ejo cyangwa ejobundi.

Bourgmestri wa Komini Kigembe : Dufite ikigo cyororerwamo amafi akwizwa mu baturage, tulifuza ko batwongerera ibyadutera imbere n'abakozi.

- Hali ingorane yo kumenya uko ifaranga ly'u Rwanda n'u Burundi lirutana, kubera ko dutuye ku mupaka , abarundi bagahaha iwacu natwe tugahaha iwabo.

- Tulifuza ko umuhanda Butare-Ngozi wafungurwa kugira ngo byoroshye ingendo byongere n'umutungo w'Igihugu.

Prezida : Uwo muhanda ndibaza igituma utarafungurwa, kuko igihe mperuka i Kigembe nali nabibwiye Ministri w'Imali n'Ubunkungu na Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho ko bawufungura.

Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi : Ibyo byuzi birahali koko aliko nta budget dufite yo kwongera abakozi, tuliga ukuntu twazakora za centres d'alevinage.

Ministri w'Imali n'Ubukungu : Ilyo franga lihora lihindagulika, icyakora mperuka ifaranga 1 ly'i Burundi ali = 1,25 Fw. Kandi kubera ibintu bibura ubundi bikaboneka ntabwo lihora livunjwa kimwe. Turacyateganya gushyiraho bureau de change. Ibyerekeye umuhanda Butare-Ngozi nta mazu yo gushyiramo douane no gucumbikiramo abakozi ahali. Nabyumvikanyeho na Ministri ushinzwe imilimo ya Leta n'ibikoresho, ambwira ko bazakora amazu y'ibyuma azuzura vuba.

Bwanakeye François Représentant régional wa Chambre de Commerce :

- Ibyerekeye abagrossiste, twahoranye batandatu b'abanyamahanga, none bigiliye i Kigali, n'abacuruzi balibakomeye nabo bigiliye i Kigali. Umuntu ajya kurangura i Kigali ibintu bikabura. Noneho akagura n'ababiranguye bityo ibiciro bikiyongera, bikazamuka n'ubuforode. Ntimwatubwilira abacuruzi bagafungura succursales zabo.

- Hali na marge bénéficiaire zikulikizwa ku bacuruzi bose kandi badahuje ingorane.

- Ikibazo cyo kwishyura ibintu mbere yuko biza. Abacuruzi batubaza amafranga mbere kandi ntibihite biza. Umucuruzi muto akahagwa. Nta kuntu Ministeri ibishinzwe yazatworohereza?

Prezida : Hose batubwiye icyo kibazo cya ba grossistes ko gitera izamuka ly'ibiciro. Twabwiye Ministri w'Imali n'Ubukungu ko yakwiga ukuntu nibura buli Prefegitura yagira nibura grossiste umwe. Naho ibyo kubwira abo banyamahanga ngo bagaruke ni ugusubira inyuma. Ahubwo nihagire umunyarwanda ubifata niba ntawe ubishoboye mufatanye. Hali n'abanyarwanda bamara kugira amafranga bakimukira i Kigali, ibyo natwe biratubabaza. Mugomba kuzamura Prefegitura yanyu kuko ayo mafranga niho muba mwayavanye, niyo wagenda ukagira icyo uhasiga.

.../...

Ministri w'Imali n'Ubukungu : Ibyerekeye kwishyura mbere biliho aliko usanga hali abakabya. Kubera ibyo rero B.N.R. nayo yageze aho yaka ayo mafranga mbere kugira ngo icogoze ilyo zamuka ly'ibiciro no gusahura amadevize.

- Kuli ba grossistes rero nabyo Leta nticuruza, ahubwo itera inkunga abacuruzi ntibakwiye rero gutegereza abo banyamahanga ahubwo bakwiye kwiifatanya noneho tukabereka aho bavana ibintu.

Prezida : Nubwo iyo politiki yo kwaka amafranga mbere yabaho, ndakeka ko B.N.R. itabikora kimwe ku banyarwanda no ku banyamahanga. Mugomba kwiga ubulyo bwo kworohereza abanyarwanda.

Twagirayezu Elie Encadreur Communal MUYIRA :

- Abaturage bahinze hose harashira. Ibisigara bihali bigahalirwa ubworozi cyangwa amashyamba. Urubyiruko rwo muli paysannat ruzahinga he ?
- Ibikoresho by'imyuga dufashwa n'abagira neza ni bike . Ministeri ishinzwe urubyiruko ntiyajya ibitwongerera ?

Ministri w'Urubyiruko : Kubura aho bahinga ni ikibazo rusange. Buli musore wo muli paysannat ashatse isambu ye ntiyayibona. Mu bihe bili imbere tuliga ukuntu urubyiruko rwajya ruzamukira hamwe n'imilyango yabo, babafasha bakabafashiliza hamwe.

Ibyerekeye ibikoresho by'imyuga ntitwabibona byose aliko muli bimwe [illegible] twajya duha bamwe batubwiye ibyo bakeneye.

RUGUNDU, Technicien mécanicien muli Laiteri i Nyabisindu :

Twese tugomba gushyira hamwe tugakora. Ibyo tudashoboye kugeraho tukaka imfashanyo no mu mahanga. Abohereje iyo mfashanyo rero bohereza n'abayikoresha. Nta muntu w'umunyarwanda wazajya akulikira uko izo mfashanyo zikoreshwa?

Prezida : Tubura ibikoresho tukabura n'abatekinisiye bazi gukoresha [illegible] mfashanyo. Nicyo gituma dukenera abo banyamahanga. Gusa Ministeri [illegible] umutungo w'igihugu igomba kureba uko yajya yakira imfashanyo aliko [illegible] nigisha n'uwamenya [illegible] iyo mfashanyo.

Bourgmestre wa Komini Ngoma : Amabandi ntabwo yasubiye [illegible] kuko yanga akagaruka. Hali abana kavukira k'umujyi, turasaba Ministeri y'Urubyiruko ko yatwigira ukuntu twazabakoresha imilimo yazabagilira

Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho :

Ibyerekeye amazu ya Leta, tutitanye ba mwana ntabwo ibya Leta bitagira nyirabyo. Niba afite umwanda si Ministri uzaza kuyakubura tugomba gufatanya. Dushatse gusiga amarangi gusa, nta kindi cyakorwa. Bashobora koza amazu, yenda ibitabonetse Leta ikabishyiraho. Hali nk'aho bashyira urugi wazagaruka ukarubura. Twakoze inventaires ya za gîtes, izidakenewe zidasannye tuzazegulira Komini andi mazu ya Leta nk'ay'i Nyabisindu n'andi tubifite muli inventaire kandi tuzayakora, ingorane ili mu mafranga.

Ibyerekeye umuliro n'amazi ni umushinga twitayeho. Ni nacyo cyatumye twarashatse ukuntu tuzazana umuliro uvuye ku mazi , ibyo mwabonye ko byatangiye. Hasigaye gukurura urusinga. Aliko kubera ko uwo muliro wazaba mucye, twafatiye no kuli central ya Mururu no ku Rusumo dufatanije n'Ububiligi na Tanzaniya.

Ubulyo bwo gukwiza uwo muliro mu mujyi nabwo bwaratangiwe. Gusa ibikoresho twatumiye biva kure kandi ibiciro byaliyongereye.

Amazi nayo hali umushinga dufatanije na P.N.U.D wo gukwiza amazi muli Butare.

SINAMENYE Ildephonse, Professeur à l'U.N.R.:

- Tulimuka tuva hamwe tukajya ahandi kandi statut y'abakozi ivuga ko Leta idacumbikira abakozi, kuki hali abacumbikiwe kandi ntibagire icyo baliha ?
- Duhaha muli TRAFIPRO, mukanya ibintu bikaba bishizemo bigeze mu yandi maduka byiyongereye ibiciro, murabivuga ho iki ?

Prezida wa Republika : Iby'amazu, C.P.U.N. yemeje ko tutakwishingira gucumbik' abakozi ba Leta kuko biyongera, aliko kandi hali bamwe bagicumbikiwe. Twashyizeho commission yiga uko hashyirwaho Caisse hypothécaire yatuma umukozi akodesha inzu ikazaba iye arangije kuyishyura. Umuntu ukoresha rero ntiwahita umwirukana mu nzu vuba na vuba.

Ministri w'Imali n'Ubukungu : Ibiciro byarazamutse koko, ibyo rero byaturutse ku bihahwa byabaye bike. Icyakoradufite umuntu umwe ugenzura ibiciro muli Prefegitura. Prefe azabwire ba Bourgmestre n'abandi nka ba OPJ bajye bamufasha kugenzura abazamura ibiciro nibafatwa bahanwe.

Prezida wa Republika : Twashyizeho Commission Nationale yiga ibiciro, turasaba na Prefe ko yashyiraho Commission Préfectorale nayo yiga ibiciro, ikareba ko bitunganye kandi niyo commission ikajya ireba uko byifashe muli Prefegitura, noneho igatanga proposition muli Commission Nationale des prix.

.../...

Bourgmestre wa Komini Gishamvu :

- Mwavuze ko tugomba kuvuna ubukene bwa Komini dushaka recettes no gusoresha. Hali amashyamba dufite aliko tütigengaho kuko nta burenganzira bwo kubaza mo imbaho nta ruhushya rwa Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.

- Dufite umusozi w'IBISI uteweho ikaritusi, nta byatsi bikibamo, imvura iragwa igatwara ubutaka n'ubwo twaciyemo imilingoti bwose, ndetse n'amateme amwe acibwa n'amazi ava kuli uwo musozi. Turasaba ko mwagohereza impuguke yaturebera iby'ilyo shyamba.

- Amabandi kuyarwanya tubyitayeho, aliko abapolisi nta myenda bagira ibatandukanya n'abandi baturage.

Ministri w'Ubuhinzi n'Ubworozi :

Muli iyi minsi ishize hali abantu bazengurutse u Rwanda batema ibiti. Nicyo gituma twavuze ko mbere yo kubitema bagomba kubibwira Agronome akabereka ibyo bagomba gutema kugira ngo bitazatera isuli, kandi bakibuka no guteramo ibindi. Iby'uwo musozi w'ibisi nzohereza impuguke ijye kuwureba.

Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta :

Iyo myenda ili hafi baracyayidoda, nimwihangane gato.

GISAGARA A. Chef du Service Météorologique Butare :

- Ndifuza kumenya projet y'ubwubatsi bwa haliya ku kibuga cy'indege aho igeze
- Twaka taxe d'embarquement kandi nta installation ngombwa zihali .
- Nasabye inzu by'agateganyo ili iruhande rw'ikibuga cy'indege ngo tube tuyikoreramo aliko nta gisubizo ndabona.

- Akazi gatangira saa moya, aliko twe dutangira saa cumi n'imwe na mirongo ine n'itanu, tukarangiza 18 H.15' kandi nta mazu dufite yo gucumbikamo, utaha kure yabigenza ate ? Nta modoka y'akazi mwazatubonera cyangwa ngo muduhe aho ducumbika ?

- Ko dukorera hanze, abandi bakozi bakorera mu nzu, nta primes muzaduha ?
- Ku muhanda wo munsi y'ikibuga cy'indege, hali ubwo indege ishaka kugwa halimo amamodoka, ibyo rero bikaba byatera accident. Uwo muhanda ntibawufunga ko hali undi unyura munsi yaho ?

- Ntawabona ahandi hantu yashyira poste climatique ?

Ministri wa Postes na Communications : Ikibazo cya aéroport ya hano i Butare giteye inkeke ku bulyo bishobora gutera accident y'indege. Twatekereje ko kiliya kibuga cyahava cyikajya ahandi aliko twabuze aho cyajya.
Taxe d'embarquement zigomba kwakwa kuko haba hali indi milimo iba yakozwe
Iyo nzu nayo ntiyashoboye kuboneka, aliko Prefe yavuze ko igisubizo cyizaboneka habonetse indi nzu.

.../...

Ibyo gufunga umuhanda uli munsi y'ikibuga cy'indege nabishyigikira, Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho ibonye bishoboka yawuhagalika.

Gushyiraho Station météorologique ahandi nabyo byali byo aliko nta mafranga dufite.

Prime nazo twabyigiye hamwe na Ministri ushinzwe Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta, dusanga bazibona kuko ziteganijwe muli statut y'abakozi ba Leta, baracyabikora.

Ibyerekeye imodoka nabyo ni ngombwa aliko amafranga ni make ku bulyo muli uyu mwaka itaboneka, tuzabiteganya umwaka utaha.

Docteur RUGAMBA Médecin-Directeur de l'Hôpital Nyanza :

Mu mwaka wa 1962-1963 habayeho igulisha ly'amazu ya Leta (vente-location). Ababonye amafranga yo kwishyura barayegukanye, abatarayabonye, itegeko lirahinduka, amazu asubira mu maboko ya Leta. Bamwe babasubiza amafranga yabo abandi ntibayabasubiza. Abatarayasubijwe bazayabura ?

Abakozi s/statut, uwa nyuma muli bo aliwe préposé afite umushahara wa 2.800 Frs. Naho mu ba S/contat uwanyuma afite 3.000 frs, kandi aba s/statut alibo bafite responsabilités, hali ukuntu bizatungana ?

Abashinzwe imilimo bahulira mu manama cyangwa ahandi ku kazi. Kubera ko nta módoka bagira ibatwara, bituma bamwe bakererwa abandi bagasiba, nta sanduku muteganya yo kuguliza abakozi nk'abo wenda bakagwatiliza icyo batunze nk'umulima, urutoki cyangwa agaka ?

Prezida wa Republika : Abo batashubijwe amafaranga yabo bazayasubizwa. Iby'imodoka nabyo birakomeye, ndetse hali n'abo baha imodoka za Leta bakazigira izabo. Tuliga rero ukuntu tuzashyiraho pool de véhicules imodoka zose zikagengwa na Préfet akajya aziha ugiye ku kazi ka Leta uwo aliwe wese zikamujyana.

Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Abakozi ba Leta : Icyambere ntahanditse ko umu s/contrat arushwa umushahara n'umu s/statut. Igituma préposé ali munsi y'umus/contrat ~~wanyuma~~, nuko akenshi aba s/statut bahabwa akazi kubera amashuli. Naho aba s/contrat akenshi bahabwa akazi ~~kubera~~ expérience bafite mu mulimo. Gusa icyo ni ikibazo ngomba kuzasubira kureba kugira ngo ~~ndetse~~ iba ba ~~préposé~~ batahabwa umulimo nk'aba s/contrat.

Bourgmestre wa Komini Ndora :

- Ikibazo cyerekeye inkiko, Komini Ndora na Nyaruhengeli bafatanije urukiko rwa Kanto, ntibazaduha urukiko rwacu ko inzu tuyifite ?
- Umuhanda Ndora-Nyaruhengeli wali wuzuye aliko twabuze iteme.
- Ntawaruhuka saa sita, agatangira saa saba, agataha saa cumi n'igice ?

.../...

Prezida wa Republika : Iteme bazakoherereza uza kulireba. Noneho amasaha y'akazi nayo, twasanze dukora amasaha make cyane ku Gihugu kigikennye. Niyo mpamvu twashyizeho amasaha munani n'igice (8 heures 1/2). Aliko kandi haje kuvuka ikibazo cyo gutaha ku bakozi bakora muli Komini.

- Komini ikwiye kuzateganya ukuntu yakubakira abakozi bayo bugufi aliko biraruhije. Nicyo gituma tukiga ukuntu twagabanya amasaha y'ikiruhuko kugira ngo bajye babasha gutaha kare.

Ministri w'Ubucamanza : Ubwo Bourgmestri yifitiye inzu biroroshye aliko tubuze ibikoresho. Hakwiye kubaho nibura cotisation y'abaturage ibindi tukabibaha.

Prezida wa Republika : Ministri w'Ubucamanza ndabona akwiye kuzaza kureba iyo nzu, noneho akabaha ibikoresho. Naho ubundi imashini siyo yabura.

Docteur NTABOMVURA, Médecin-Directeur de l'Hôpital Universitaire :

Bakwiye kwongera no kuvugurura Hôpital Universitaire, amazu yayo yubatswe muli 1953, ikorwamo n'abaganga 7 none ubu dufite abaganga 10, abanyeshuli n'ibindi..., habaye hato rero kubera ko ali Hôpital Universitaire , abaturage baza kuhivuza ali abizana ali aboherezwa n'abaganga. Hagomba ibitanda byinshi rero kandi n'ibyumba byihaliwe dufite bilindwi gusa. Ndasaba ko icyo kibazo cyakwandikwa mu mishinga. Biliya bitaro bivuguruwe byazatuma dukora neza.

Ministri w'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho : Kungura biliya bitaro, iyo projet iliho tuyifatanije na FED na plans zarakozwe, nk'iya pédiatrie.yararangiye, aliko hakomejwe kudindira plans d'ensemble. Amafranga yali yarateganijwe nayo yongereweho 200.000.000 Frs ni ukuvuga ko iyo projet iliho nsinzi niba impuguke twohereje mwarabonanye.

Docteur GATERA Vice-Doyen de la Faculté de Médecine de l'U.N.R. : Plans za pédiatrie muvuga ntaho zihuliye n'ibitaro. Ndabona ibyo muvuga ali ibya Faculté de Médecine.

Prezida wa Republika : Turacyanditse, tuzagishyira mu mishinga yacu.

Abbé MUNYANTORE Léon :Gushyiraho centre de réducation y'abanyeshuli bivumbuye ni byiza aliko tulifuza ko mwakwita no kuli ba malaya aho kubohereza ku misozi (centre de réeducation de prostituées).

- Iyo abihaye Mungu bashaka impapuro zibajyana mu mahanga ntibazishakira kuli Prefegitura nk'abandi baturage ahubwo bajya kuzishaka i Kigali kandi ali nta modoka bagira zo kubajyana. Ntimwaborohereza nk'abo baturage bandi nabo bakajya babyakira kuli Prefegitura balimo.

Prezida wa Republika : Iby'imalaya n'ibyomanzi natwe dufite icyo gitekerezo aliko amafaranga twayabura. Twatangiliye kuli centre de réeducation ya ba mineurs i Gitarama.

... /...

Dukulikizaho centre de réeducation y'abasore twashyize ku Kibuye.
Hali n'iy'abakobwa bato bigize ibyomanzi twashyize mu Miyove. Indi y'abakobwa bakuru n'abagore bigize ibyomanzi turashaka kuyishyira i Gitarama, abanyururu bakahava. Naho iby'impapuro z'inzira, byatewe n'uko ha mbere akabaye kose abapadri ngo tugiye i Bujumbura cyangwa ahandi , ugasanga bizera amahanga kuruta igihugu cyabo, gusa tuzabyiga.

Mgr.GAHAMANYI J.B. Evêque du Diocèse BUTARE : Hali aho bavuze ko abanyeshuli bicwa n'umusonga kubera amashuli atalimo inzugi cyangwa amadilishya, ndagira ngo nsobanure ko atali twe tutabyitaho, ahubwo twaka imfashanyo mu mahanga yo gufasha ayo mashuli, noneho twasaba ba Inspegiteri amafranga ababyeyi batanzeho umusanzu wo gusana amashuli, ntibayaduhe. Muby'ukuli ayo mafranga ntituzi aho ajya, n'ababyeyi nabo ntibamenya aho yagiye n'icyo yakoreshejwe.
Aho rero ntibakwiye kuvuga ko alitwe tudafasha, ahubwo nibo biturukaho.

Prezida wa Republika : Ibyo koko birumvikana, Ministri ushinzwe amashuli akwiye kwiga icyo kibazo kili hagati y'amadini na Leta mu byerekeye amashuli, noneho tukamenya aho za responsabilités ziherereye.

Directeur wa Prizo Nyanza : Hali abafasha abanyururu gucika kubera ko babaha imyambaro yo gutorokana, abandi bakabatwara mu mamodoka babacikisha, ndetse abandi bakabahisha.

- Ikindi ntimwadufasha ukuntu abanyuru bajya babona za conférence n'izindi nyigisho igihe bakili muli gereza kuko alibyo byatuma batiheba ? Urebye hali hakwiliye kuba service social muli gereza, abantu kandi bakunda gutekereza ko prizo ali ahantu habi.

- Imishahara y'abasurveillants ba za gereza ni mito akaba aliyo mpamvu batorokesha abanyururu kubera ko baba babahaye ruswa idashobotse. Muby'ukuli umusurveillant ntatinya kwakira amafranga icumi ya ruswa kugira ngo umunyururu atoroke.

Prezida wa Republika : Kwigisha abanyururu nibyo koko ndetse nkuko twabivuze bagombye kuva muli gereza nabo bashoboye kwigilira akamaro. Ibyo rero twabishinze Ministri ushinzwe Ubucamanza, ko yakwiga ubulyo abanyururu bakora bakagilira akamaro igihugu nabo bakazigilira akamaro igihe bafunguwe.

Abbé NIYIBIZI Recteur du Grand Séminaire Nyakibanda : Hali aho muvuga ko mu mashuli habaho proportion éthnique, ntiyali ikwiye kujyana na proportion régionale, aliko ntibibe proportion mathématique absolue gusa ?

Prezida wa Republika : Ntabwo dukulikiza proportion mathématique absolue, ahubwo nk'uko ubizi mu Gihugu, hali abahutu hali abatutsi hali n'abatwa. Mbere abatutsi nibo bategekaga hanyuma nibwo basanze abahutu bakwiye kuba alibo bategeka kubera ubwinshi bafite. Nicyo cyatumye rero Révolution yo muli 1959 iba. Iyo proportion ethnique rero igomba kubaho.

SERUVUMBA Gérard, Animateur Secteur NYABISINDU : Abandi bazamurwa n'ibikorwa bazi, aliko abatwa bo ntacyo bize, nta shuli bagezemo, Ntabwo mwazashyiraho mu makomini za ateliers céramiques ngo zibahuze mu mwuga wabo wo kubumba.

..../....

Hali projet nali narakoze yo kubakorera iyo koperative nyohereza muli za Ministeri ngo bayishakire amafranga aliko sinzi aho yaheze. Icyakora ubwanyuma nayisigiye Capitaine SAGATWA ngo ayiguhe, niba yarakugezeho simbizi.

- Kuki muli za commissions techniques cyangwa za Conseils de Développement nta mutwa n'umwe ubamo ?

- Kuki mu mashuli cyane cyane mu mwaka wa gatandatu w'amashuli mato nta mutwa n'umwe utsinda n'ukuvuga ko bose ntawe uba yatsinze koko cyangwa n'uko baba ali abatwa ?

<u>Prezida wa Republika</u> : Ibyo bibazo ubajije nibyo koko, kandi nkumenyesheje ko ibyerekeye iyo coopérative d'art céramique ko ndi burare nsomye iyo projet yawe ninsanga ifashe, ayo mafranga nyashaka akaboneka. Na mbere nali narabajije ba Ministri ukuntu twazakorera abatwa bene izo coopératives aliko nta gisubizo cyali cyarabonetse.

Ibyerekeye amashuli nayo, twali tuzi ko abatwa bagera mu mwaka wa kabili cyangwa wa gatatu bakitahira, naho niba hali abo uzi bageze mu wagatandatu bagatsindwa n'ikizamini cya Leta, uzampe amazina yabo njye kubyishakira.

<u>Diregiteri wa Prizo Butare</u> : Gereza ya Butare icumbikiwe n'amazu ya Minétain aliyo yabaye SOMIRWA kandi ntiyemera kuyisana na Leta ntiyisane. Ntimwabasaba bakayegulira Leta noneho ikabona uwayisana ?

<u>Prezida wa Republika</u> : Ayo mazu ni Leta igomba kuyasana.

<u>GITERA HABYALIMANA</u> : Nka Komini Shyanda ko ituwe cyane, ntimwayigira Komini pilote kubyerekeye habitat ?

Dutuye ku mupaka, tukaba rero dufite inconvénients économiques, tukagira na difficultés sociales, hakaba n'abakurura impuha.

Turashaka eclaircissements kuli Mouvement Révolutionnaire mugiye gushyiraho, ndetse byashoboka tukabona na statut zayo.

<u>Prezida wa Republika</u> : Mouvement Révolutionnaire yo iliho aliko Statut zayo turacyaziga nizirangira tuzazibohererereza. Ibya difficultés sociales nabyo uvuga, ntituli Imana, ino hali ibyerekeye pourcentage ethnique, mugomba kubifata nk'uko bili. Naho abakurura impuha ibyo ba Bourgmestre na Prefe n'abashinzwe amahoro bagomba kubirwanya. Icyo tutakwirengagiza, n'uko dufite impunzi zikili mu mahanga. Uko zigomba kugaruka twatanze amabwiliza agomba gukulikizwa. Iby'ubunyenzi byo ntibigomba kugaruka.

<u>GITERA-Habyalimana</u> : Nibyo kumipaka hali abategetsi bashinzwe amahoro, aliko hali nk'itibacika nijoro, abajyana ubupapuro bakagarura ubundi. Umubano w'u Burundi n'u Rwanda mwarawuzanye aliko mukwiye kurwanya impuha.

<u>Prezida wa Republika</u> : Ba Bourgmestre batuye ku mipaka bakwiye gukanguka ntibitwaze umubano gusa, ahubwo bagakoresha umubano kugira ngo amahoro abeho. Bagomba kurwanya impuha rero bakagenzura n'abo babunza ubupapuro.

.../...

Ndagira ngo duhinire ibibazo hano, aliko mbere y'uko tubisoza, ndagira ngo Inspecteur d'Arrondissement agire icyo atubwira kuli cya kibazo cya réeducation y'abana bivumbuye mu mashuli mu bihe bishize.

Inspecteur d'Arrondissement : Icyo kibazo ni cyiza aliko dufite ingorane yo kubona ubutaka abana bahingamo. Ahali imilima y'amashuli ya Kiliziya bayigize iyabo, basigaye bayatira abaturage.

Prezida wa Republika : Kubyerekeye imilima , Komini, igomba gushakira abana umulima wo guhingamo, aliko ntushubije neza icyo nakubajije cya réeducation y'abana bivumbuye mu mashuli.

Inspecteur d'Arrondissement : Ikibazo cy'abana bivumbuye mu mashuli, bakwiye kubabalirwa noneho bakabakorera Centre pilote.

Prezida wa Republika : Ndagira ngo Diregiteri wa OCIR abasobanulire ibyerekeye izine y'ikawa yafunzwe.

Diregiteri Jenerali wa O.C.I.R. : Iyo izine yafunzwe kubera ko ibyuma byapfuye baraguze ikawa, noneho zigahomba. Bamaze guhomba rero nibwo ibyahakorerwaga byose babyimuliye i Kigali muli RWANDEX.

Kugira ngo rero dukore indi izine y'ikawa, byaduhombereza ubusa kandi izine ihali ihagije, kuko yakira amakawa yose. Tuyifunguye rero zombi zahomba. Ahubwo turashaka ubulyo twavugurura les moyens de transport.

Prezida wa Republika : Ikindi tugomba kubabwira n'uko tugomba gutunganya imihanda minini. Muliyo rero twabanje iyo twaboneye imfashanyo aliyo : Gisenyi-Ruhengeli-Kigali; Kigali-Rusumo na Kigali-Gatuna. Aliko umuhanda wa Butare-Cyangugu wo nta mfashanyo turawubonera.

Inspecteur d'Arrondissement : Mu mashuli mato, buli mwana yatangaga amafranga 50 buli mwaka, none ubu bashyize kw'ijana, ayo mafranga azatangirwa buli mwana ?
- Abalimu ntibahemberwa kimwe n'abandi, kandi ino hali inzara nta kuntu baziga icyo kibazo ?

Ministri w'Uburezi bw'Igihugu : Ayo mafranga azatangirwa buli mwana. Aliko nk'ufite [illegible] benshi kandi adashoboye kubatangilira bashobora kumusonera. Naho ibyerekeye igihembo cy'abalimu hali ubulyo bwigwa bw'uko ibihembo bizajya bitangwa na Préfet.

Diregitrice wa Fouwaye Butare : Hali inyigisho zitangwa mu mafuye aliko abakozi ni bake kandi ibikoresho nabyo byarabuze. Hali ibyo Ministeri yaduhaga aliko ntabyo bakitwoherereza. Abigisha nabo ni abarangije muli école familiale, ntibashobora rero gukulikiza programme yose y'izo nyigisho. Nta kuntu mu mashuli familiales bashyiramo isomo lya sciences sociales ? Cyangwa se izo nyigisho zigatangwa n'abarangije ku Karubanda.

Ntabwo bareba ukuntu bakwigisha les assistants sociaux kugira ngo nabo bajye bacengeza iyo programme mu bagabo ?

Umwaka w'abategarugoli warabahaliwe, aliko nta budget bawuteganilije.

.../...

Muli uyu mwaka w'abategarugoli twateganije exposition à l'échelon national tuzi ko hazaba exposition izakorwa na Ministeri y'Urubyiruko na Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage, nayo itegura indi, ubwo ntizizagongana ?

Ministri w'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage : Ibyo bibazo ntibereba Prefegitura ya Butare yonyine, kandi ntibireba Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage yonyine, n'ahandi birahali.

Ibyerekeye ibikoresho birrruhije kubona ibihagije amafuwaye yose, aliko Ministeri y'Imali byaba byiza iduhaye article yavamo ibyo bikoresho.

Hali abarangiza bake ku Karubanda ntidushobora rero kubakwiza mu makomini yose kandi hali n'abarongorwa bakajya gukora ahandi. Ikindi abo barangiza ntibakoreshwa na Ministeri y'Ubuvuzi n'Imizamukire y'Abaturage yonyine hali n'ahandi henshi bakora.

Kwigisha b'assistants sociaux hali commission twashinze kwiga icyo kibazo, nta rapport yayo turabona nibamara kubyiga tuzabibamenyesha.
Naho gushyira science sociale muli familiale, abanyeshuli ntibashobora kubyumva.

Ibyerekeye umwaka w'abategarugoli, nta budget yawo dufite. Wagiyeho kugira ngo abagore n'abali bashobore kugira uruhare mu majyambere y'igihugu, naho amafranga yo ntayo.

Ibyerekeye exposition, byo nasaba ko abcrye ntacyo byishe yayihalira abategarugoli.

Ndagira ngo ngire icyo mbabwira ku byerekeye inkwano nabyo kuko ahenshi bakibajije dusanga ali nyinshi koko kubulyo umuhungu yilya akimara hanyuma yamara kurongora ugasanga atabashije gutunga urugo. Ibyo rero babishinze Ministeri y'Ubucamanza kugira ngo izige ukuntu yabishyira muli Code Familial.

Ministri w'Urubyiruko : Ibyerekeye exposition twarangije kubitunganya, [illegible] kubera za conférences internationales zizabera mu Rwanda ntabwo dushobora kubihagalika.

Diregiteri wa Scierie Médanique Butare : Scierie nyobora nta mafranga ifite, kandi inzu ikoreramo niya SOMIRWA, sinzi rero uyisana uwaliwe.

Ikindi abakozi bakora mw'ishyamba ntibarahembwa kuva muli 1973. Nasabye Ministeri ko twaguza amafranga yo kubahemba aliko nta gisubizo ndabona.

Prezida wa Repablika : Ayo mafranga yo guhemba abakozi agomba kuboneka, kuko ntawakoresha uwo adahemba. Inzu nayo ni Leta igomba kuyisana.

Abbé Alexis KAGAME : Numvise muvuga ko hali za conférences zizabera i Kigali, Leta ntishobora gushyiraho za taxis kugira ngo yereke n'abanyarwanda bandi ko nabwo ali ubucuruzi budakwiye gusuzugurwa ?

.../...

Prezida wa Republika : Dufite icyo cyifuzo aliko turacyareba ko iyo dufite ya R.T.P. igenda neza, nabyo bikazaza nyuma. Aliko si ibya vuba aha. Gusa ibyo ntibyabuza umunyarwanda ubishaka kuguza amafranga akagura amataxis nkayo.

Madame MUKANTAGARA Isabelle : Abagore b'aba s/contrat baracyafite amasaha yo konsa abana aliko aba s/statut bo mwayavanyeho. Ubwo abana bacu bazamera bate ?

Prezida wa Republika : Icyo kibazo Fonction Publique iracyacyiga, aliko isanga gikwiye kuvaho kuko byatuma abagore benshi birukanwa ku kazi kuko bagenda saa ine ntibagaruke ku kazi.

Abbé SEKAMONYO Raphaël : Dufite amoko atatu mu banyarwanda, kandi bi•a n'aho biteye inkeke. Ntimwazageragezа kuvanaho ayo moko noneho umuntu akitwa umunyarwanda gusa batagombye kuvuga abahutu, abatutsi n'abatwa ?

Prezida wa Republika : Ibyo by'amoko biba hose, siniyumvisha rero niba uli umuhutu icyatuma ushaka kubyigurutsa. Waba umuhutu, umutwa cyangwa umututsi uli umunyarwanda. Kugira ubwoko rero nta cyahakilimo kandi twese niko twabisanze. Simbona ukuntu twabihanagura. Ese wowe ubwoko bwawe ni ubuhe ?
R. Yahereye ko asubiza ko ali umuhutu.

Bourgmestre wa Komini Runyinya : Hali aho abazungu bagiye bashinga ibyapa kera, aho rero hakaba hashobora kuba hali ubukungu. Nta kuntu bazakulikirana ibyo byapa bakabikorera inventaire bakazareba niba koko aho bili hali ubukungu ?

Ikindi umuhanda Butare-Nshili ufite akamaro aliko iteme ly'Agatobwe ntilyubatse. Nta kuntu bateganya kuzalyubaka ?

Prezida wa Republika : Ilyo teme ni ngombwa kulyubaka, Ministri ubishinzwe ngira ngo yabyumvise.

Ministri wa Plan n'Umutungo w'Igihugu : Twandikiye ba Bourgmestre ko buli kintu babonye muli Komini batakizi aliko babona ko cyagira akamaro bagomba kukitumenyesha, tubasaba no kudukorera inventaire y'ibintu nk'ibyo byose biba mu makomini. Kugeza ubu rero hali bake bashubije, dutegereje n'ibindi bisubizo.

Prezida wa Republika : Ikindi tugomba kubabwira n'uko twasabye ko igihe mwubaka amazu mwajya mwubakisha amatafali mugasakaza amategura mutagombye gushaka ibintu bihenda biva mu mahanga nk'amabati n'ibindi .... Ibyiza rero ni ugukoresha ibyo twifitiye ubwacu nibyo bidahenda.

Prefet : Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika, Banyacyubahiro mwese mwaje mul'iyi nama, mbashimiye ko mwaje hano cyane cyane Nyakubahwa Prezida wa Republika akaba na Prezida wa Komite iharanira amahoro n'ubumwe bw'Igihugu waje kuyobora iyi nama. Ahasigaye twumvise ibigomba gukorwa natwe tugiye kubikora, kubishyira en application. Ba Bourgmestre bumvise ibikorwa bigomba kugerwaho mu makomini bashinzwe, bagende rero bafashe umugambi wo kubikora kubulyo bizerekanwa mu minsi ili imbere.

.../...

Ubu koko umwanya w'amagambo wararangiye " la place est à l'action ".
Tuzakomeza, Nyakubahwa Prezida, kubahiliza amatwara ya Republika ya Kabili, tuzihatira gukulikiza amategeko n'inyigisho muduha.

Murakoze.

<u>Prezida wa Republika</u> : Nyakubahwa Bwana Prefe, Banyacyubahiro bagize Komite iharanira amahoro n'ubumwe bw'Igihugu, Banyakubahwa ba Ministri, Banyacyubahiro muteraniye hano,

Mbanje kubashimira ko mwakiliye imigambi yacu neza, mukaba mwaradufashije no kuyinjiza mu baturage b'iyi Prefegitura ya Butare. Ubundi kuza ahangaha ntabwo alibyo byali gutuma tubona ibisubizo by'ibibazo byose aliko ibyo tutaboneye ibisubizo twabyanditse tuzabishakira ibisubizo nibiboneka tubibagezeho. Gusa mugomba kumenya ko imilimo itagomba guhalirwa Leta gusa, namwe mugomba gushyiraho akanyu twese tugafatanya. Ba Bourgmestre; nimukoreshe inama za commissions zose ziba muli Komini, mwungurane ibitekerezo, mukore, muzamure amajyambere. Na Mouvement Révolutionnaire tugiye gushyiraho nicyo igamije, mbasabye kubisobanulira abaturage kubulyo buhagije, mukadufasha kubibumvisha.

Murakoze.

Inama irangiye saa kumi ( 16 H.00).

LE PREFET DE PREFECTURE
P.KABALISA

Rapporteur : TULIKUMWENIMANA P.